Ifishi y'iyamamazabuhinzi yateguriwe abahinzi

UBUHINZI BWA SOYA

GUFUMBIRA		IBIPIMO BY'IFUMBIRE	IKORESHWA RYARI ?	IKORESHWA GUTE ?
Niba ubutaka busharira, shyiramo ishwagara		Koresha ibiro 30 by'ishwagara inoze kandi yumutse kuri Ari imwe buri myaka ibiri.	Nibura ibyumweru bine mbere yo gutera	Yinyanyagize mu murima uhite urenzaho igitaka
Ifumbire y'imborera		Rekera ibisigazwa by'umusaruro mu murima	Igihe cy'isarura	Bikoremo ifumbire y'imborera cyangwa ubitabe wongeye kuhahinga
		Koresha ibilo 100 kuri Ari 1 = udutebo 4 twuzuye ifumbire y'imborera	Mbere yo gusanza	Yinyanyagize mu murima uhite urenzaho igitaka mu gihe usanza
Guhungira na Rizobiyumu		Koresha garama 40 za Rizobiyumu ku kilo 1 cyangwa 2 bya Soya	Igihe cyo gutera	Vangira Rizobiyumu na Soya watohesheje mu gikoresho gifite isuku kandi mu gicucu, uhite uyitera
ifumbire mvaruganda		Ikilo 1 cya DAP kuri Ari 1	Igihe cyo gutera	Mu mirongo iseruye kuri cm 10 hirya y'aho bateye Soya

Ari 1 = m 10 x m 10

IFDC CATALIST

<u>Icyitonderwa</u>. : Ibipimo bishobora guhinduka. Iby'ishwagara bitewe n'uburyo inoze, ubuherere bwayo n'ikigero cy'ubusharire bw'ubutaka. Iby'ifumbire y'imborera n'imvaruganda bitewe n'uko ubutaka bwarumbukaga. Tera kuri cm 40 hagati y'imirongo na cm 10 hagati y'utwobo. Intete 1 mu kobo. Ari 1 iiyaho garama 700 kugeza ku kiro 1.

Ifishi y'iyamamazabuhinzi yateguriwe abahinzi

INDWARA Z'IBANZE N'IBYONNYI

INDWARA	IBIZIRANGA	UKO BAZIRINDA	UKO BAZIVURA	IBIPIMO BIKORESHWA
Bagiteriyoze (Bactériose)		- Koresha imbuto z'indobanure ; - Randura soya yafashwe no kuyitaba mu cyobo ; - Simburanya imyaka : soya ntisimbura mu murima ibishyimbo, amashaza, imikunde, ubunyobwa, inkori cyangwa soya.	Nta muti	Nta muti
Ukubemba		- Simburanya neza imyaka mu murima : soya ntisimbura mu murima ibishyimbo, amashaza, imikunde, ubunyobwa, inkori cyangwa soya ; - Sukira soya ikimara kumera ; - Randura soya yafashwe.	Nta muti	Nta muti
Ibidomo byumye ku mababi		- Tera soya ahantu hatari igicucu ; - Ubahiriza igerambuto riteganywa ; - Simburanya neza imyaka mu murima : soya ntisimbura mu murima ibishyimbo, amashaza, imikunde, ubunyobwa, inkori cyangwa soya.	Umuti wica uduhumyo : Ditane (Dithane) M45	Vanga garama 20 z'umuti muri litiro 20 z'amazi, utere Ari 1.
Utunyabwoya turya amababi		- Tema ibyatsi n'ibihuru byegereye umurima ; - Terera igihe.	Umuti wica udukoko : Dimetowate (Diméthoate)	Vanga ml 10 z'umuti (udufuniko 4 tw'icupa rya Fanta) muri litiro 10 z'amazi, utere Ari 1

Ari 1 = m 10 x m 10

IFDC CATALIST